Werner Nachtigal

INTAMBWE 3

Z'IVUGABUTUMWA RYIHARIYE



UMUNSI MPUZAMAHANGA W'IVUGABUTUMWA

AGATABO K'AMAHUGURWA

INTAMBWE 3

INTAMBWE ESHATU Z'IVUGABUTUMWA RYIHARIYE

UMUNSI MPUZAMAHANGA W'IVUGABUTUMWA

Igitabo cy'amahugurwa

Intumbero y'Umunsi Mpuzamahanga w'Ivugabutumwa ni ukugira ngo buri mukirisito abashe kuganiriza Ubutumwa Bwiza ku wa gatandatu wa nyuma w' Ukwezi kwa gatanu kwa buri mwaka.

Za miliyoni z'abakirisitu ku isi baganira Ubutumwa Bwiza uwo munsi. Umunsi mpuzamahanga w'Ivugabutumwa ni igikoresho mu mibereho y'ivugabutumwa.

«Umunsi Mpuzamahanga w'Ivugabutumwa ni igitekerezo cyoroshye cyo gukangurira Itorero ryose umugambi w'isi mu gihe cy'ikinyagihumbi cya gatatu cy'amateka ya gikirisitu.»

Daniel Oscar, Bible League

Intego ni uko buri muntu wese wizera agera nibura ku muntu umwe akoresheje Ubutumwa bwiza k'Umunsi Mpuzamahanga w'Ivugabutumwa.

Mu gihe babazaga Billy Graham ikibazo cyo kumenya uzamusimbura Yasubije imbere y'imbaga y'abantu «mwebwe mwese». Tuzabasha kugera ku isi yacu igihe buri mukirisitu wese agiye mu gikorwa. Tekereza umunsi ubwo buri mukirisitu wese azaba ashishikajwe no kuvuga ubutumwa. Ni iyihe ngaruka byagira ku bantu batakaye!»

«Hari itsinda ry'abizera, bari mu ma torero bategereje kubwirwa. Niba dushobora kubona uburyo bwo guhindura abatwumva mo iryo tsinda, bizahindura isi. Nimwihatire kujya mu munsi mpuzamahanga w'ivugabutumwa.»

Rick Warren

Photos: *no limit e.V., G.O.D., wikimedia*

Umunsi umwe – Isi imwe – Ubutumwa bumwe: Yesu

Umunsi Mpuzamahanga w'Ivugabutumwa ukangurira abemera bizera kuvuga ubutumwa kuri iyo taliki. Hari umuntu umwe dushaka Kubwira: wowe!

Amatorero menshi n'imiryango y'ivugabutumwa bakorera hamwe. kugirango bagere ku bantu bo mu isi yacu, ariko kuri uwo munsi umwe udasanzwe, ntabwo hazaba harebwa Itorero cyangwa umuryango-Ikizitabwaho ni Ubutumwa Bwiza bwa Yesu Kristo! Umunsi mpuzamahanga w'Ivugabutumwa ni igikoresho gifasha Itorero mu Ivugabutumwa.

Umunsi mpuzamahanga w'ivugabutumwa-ibikorwa

- **Ibikorwa mu bihugu bimwe na bimwe by'isi. Abakirisitu benshi bahuguwe babwiriza ubutumwa, bamwe ari ubwa mbere.**
- **Miliyoni zirenga 40 z'ababwiriza zoherejwe buri mwaka.**
- **Mu myaka 2 gusa, miliyoni ebyiri z'abakiriye agakiza n'amatorero menshi arashingwa**
- **Ku bufatanye na AEM, amashyirahamwe menshi y'abasenga, imyiryango y'ivugabutumwa nka CPC, EE, YWAM, EHC, amatsinda y'amasengesho n'amatorero arenga ibihumbi 500.000 mu isi yose.**

«Genda, tera intambwe yo kwizera. Kora ikintu utigeze ukora mbere!»
Nick Vujicic, ubuzima nta bantu

«Umunsi mpuzamahanga w'ivugabutumwa ni uburyo buhebuje bwo gushishikariza abantu gutangira gusangira/gufatanya kwizera kwabo.»
Steve Douglas, Campus Pour Christ

«Uwo munsi nugera, twifuza kuzaba turi mu ivugabutumwa muri buri gihugucyo mu isi no muri buri makomini atandukanye y'ibihugu.»
Loren Cunningham, Youth With A Mission

«Umunsi mpuzamahanga w'ivugabutumwa ni umunsi w'agakiza!»
Reinhard Bonnke, Christ for all Nations

Kwitegura umunsi mpuzamahanga w'ivugabutumwa

Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kirisitu ni ubutumwa buhebuje ku isi ni nayo nzira yonyine igeza ku gakiza. Niyo mpamvu tugomba gufatanya ubutumwa. Muri aka gatabo muzigisha ibyiciro 3by'ingenzi Mu ivugabutumwa ry'umuntu ku giti cye.

Murasubiza ibibazo bikurikira:

1. Nuwuhe mwanzuro w'ingenzi mufashe mutigeze mufata mu buzima bwanyu?

2. Nikihe kintu cyiza mushobora gukorera umuntu utaramenya Yesu?

Abakirisitu benshi bazatanga ibisubizo bikurikira:

1. Gutumira Yesu mu buzima bwange! 2. Kuyobora uwo muntu kuri Yesu!

Ariko 93% y'abizera bose bo mu isi ntibafatanya ubutumwa bwiza mu mibereho yabo yaburi munsi!

Baba mu buzima bwikunda ntibaniyubahe mu ijambo ry'Imana, cyangwa batigeze bigishwa na rimwe uko basangira kwizera kwabomu buryo bwuzuye no kuba bataramenye uko babwiriza ubutumwa mu buryo buboneye?

Ku bw'ibyo rero duhagarariye Kirisitu …

2 Abakorinto 5:20

Buri mwizera ahamagariwe kwamamaza Kirisitu; duhagarariye Kirisitu, duhamagariwe gukwiza urumuri rwe ku isi yose.

Kugeza ku myaka 20, umukobwaw'umupasiteri ntiyigeze afatanya ubutumwa n'undi muntu kuko yari afite ubwoba. Umunsi umwe, yarasohotseyiyemeza ko ubwoba butazongera kumugarukaho. Aza guhura n'umugore aho ku nziraatangirra kumubwira ku mugambi w'Imana n'urukundo rwayo. Uwo mugore atangira kurira. Umukobwa wa pasiteri aramuhobera kugira ngo amuhumurize umugore asohora imbunda yari afite mu mufuka amubwira ko yari agiye mu ishyamba yariafite umugambi wo kwiyahura.Mbere yo gufafa urugendo agiye mu ishyamba, yari yasenze ati," Mana niba uri hariya, uhereza umumarayika wawe ampagarike. Nk'ikimenyetso Uyu munsi,umuryango wose w,uyu mugorebarizeye banabwira abandi Yesu.

Wabakijije

INTAMBWE YA 1: IBIGANIRO

1. Gutega amatwi no kumva uwo muganira

Abakirisitu benshi babona bikomeye gusanga abantu no kubaganiriza ku bya Yesu. Ariko buri wese ashobora kwiga uko yabikora! Tugiye kubereka intambwe bikorwamo Kugirango ube intumwa y'ukuri ya Yesu.

Mbere ya byose, ni iby'ingenzi kumva no gutega amatwi uwo muganira. Atari ibyo, muzagosorera mu rucaca kandi mutakaze n'imbaraga zanyu. Rimwe na rimwe, kumva umuntu no kumutega amatwi bimutera umwete no kugira ibyo yivumburira.

Mwite kuri ibi: Yesu yapfiriye uwo muntu. Ashobora guhita afunguka no kwitegura kwakira Yesu. Uwo muntu Nta mahirwe yari afite yo gukizwa: Kumva no kwemera iby'ubutumwa.

Akenshi, ikitubuza kuganiriza abantu ibya Yesu, ni ibitekerezo bimfuye nka : «ntibamwakiriye» «Ntibashaka kuvuga ibya Yesu», «sinakora ibi» n'ibindi.

Ku bw'ibyo, igihe mwiyumvamo kwegera abantu no kubigisha iby'ubutumwa, muzageza abantu kuri Yesu. Mu gihe musanga abantu no gutangira kubaganiriza, mwibuke ko Imana ishobora kubakoresha bibanyuzemo, N'iyo mwaba muri abanyabwoba, mutiyizeye cyangwa mutazi icyo muvuga. Guceceka biruta kure kuvuga ibipfuye.

Mu gutangira, banza umusuhuze, musekere Hanyuma ikiganiro kizajya kiyongera uko muganira. Gerageza kubumva kugirango nabo bakwiyumvemo.

Wibabwiriza. Bumve kandi mufatanye!

Tangira ikiganiro utya:

- Mubaze ikibazo kiza
- Ongera amatsiko ye
- Bagenere impano
- Mube inshuti; mubasekere
- Mutangize akantu gasekeje cyangwa kaboneka mu buzima busanzwe

Mufite amahirwe amwe yo kugirana ikiganiro cya mbere.

Mugerageze gutangiza ibibazo bisanzwe n'iyo byaba ntacyo byigisha, nk'uko muzabikora mu gihe cy'ibiganiro bisanzwe; urugero, mushobora kubabaza muhereye ku byo batunze (imbwa yabo, inzu yabo, imodoka yabo, itumanaho Rigendanwa, n'ibindi) cyangwa ku byo batekereza mu biriho. Kugirango uganire ku buryo bwimbitse n'umuntu, ugomba kugaragaza ikizere ubaza «ibibazo byumvikana»: «Imana muyitekereza mute?», «Kuki mutajya mujya mu rusengero?», cyangwa «kuki mwatuye muri uyu mujyi?» muvumbure aho abantu bisanzura mu biganiro.

Mugerageze kubaha udutabo tw'ivugabutumwa cyangwa ikindi cyose cyabafasha. Muhitemo icyabafasha. Hanyuma mugende mubyinjiramo cyane. Mubabaze: «Imana isobanura iki ku ruhare rwanyu? «Ntimuzagire ubwoba bwo kubona ibisubizo bimfuye. Rimwe na rimwe bibaho kuko Imana yatanze umudendezo wo kwihitiramo kuri twese.

Ibihe bitandukanye Bizana imyifato itandukanye. Tegura ingamba yanyumugendeyeaho baturuka ndetse N'ibihe byabo byihariye.

Mwicishe bugufi, ariko mufate ibyemezo !

2. Shaka inyungu

Mu gihe mwateze umuntu amatwi, intambwe ikurikiyeho ni Ukubyutsa inyungu ze.

> Mu kubaza ibibazo byiza, no mu gutanga amakuru Ahagije. Mushobora kongera amatsiko y'abantu.

Mu gihe mwabonye ko bagize amatsiko, mushobora kuyubakiraho mukabaza ibibazo.

Ntimuzabasubize iby'amatsiko yabo mugendeye ku bisubizobigufi Bakoze. Ahubwo mureke inyungu zabozikure n'amatsiko yabo yigaragaze Niba mufite agatabo k'ivugabutumwa keza ntimuvuge ngo: «*ngaka ni ni Ubuntu, muzagakoreshe*», ahubwo: «*niba mushaka icyo mfite ngo mugitange uyu munsi.*»

Mu kiganiro cyo muri Yohani 4, Yesu ntabwo yavuze byose Agitangira. Musome inkuru yose muri Yohani 4.

Yesuyaramusubije,«*nibawariuziimpanoy,Imanaukanamenyan'ugusabye amazi uwo ariwe! Nawe ubaumusabye nawe akaguha Akaguha amazi y'ubugingo.*»

Yohani 4:10

Mu gihe cyo gutanga message uwo mwanya, yesu yabyukije amatsiko y'umugore. Amaze kumukangura, amatsiko yeyabaye igikoresho gikomeye, kukouyu muntu yashakaga kumenya birushijeho. Mushobora gukoresha dore ingero zimwe na zimwe zirema mu bantu inyota yo kumenya birushijeho.

Dore ingero z'interuro zimwe na zimwe zitera abantu amatsiko:

- «Nabonye ikintu cyahinduye ubuzima bwange bwa kera.»
- «Nikihe kintu kidasanzwe wabonye?»
  Hanyuma mugakurikira hamwe nikibazo:
- «Ubu ngiye kubabwira ikintu cyiza cyambayeho?»
- «Bizaba umunsi mwizamu buzima bwanyuourriez»
- «Murifuza igitangaza?nshobora kubasengera?»
- «Mukunze kugira umunezero mwinshi no kumenya amahoro yuzuye?»

Birumvikana ko mudashobora kubona inyungu mugihe muvuga Ubudatuza.

Imana yabahaye umunwa n'amatwi abiri. Ibyo bisobanuye ko Mugomba kumva munavuga byombi icyarimwe.

Inyungu izagaragara mu gihe bazatangiragufungura imitima yabo no gufatanya inkuru zabo. Muri icyo gihe, mugomba Guceceka, gutega amatwi, no gusenga bucece kugira ngo mubone igisubizo cyiza.

Mwishimire abantu kandi muzamure inyungu zabo!

3. Kurema ubushake bwo gukurikira Yesu

Iyo umurobyi ashaka ubutsinzi, ajugunya urushundura kugira ngo Akurure amafi mbere yo gukoresha.

Niba mwafashe igihe cyo kwigisha umuntu muganira, muzabona ibyo ashaka kandiuko Ikiganiro.

Mugomba kumenya neza ko umuntu udafite Yesu Aba abuze ikintu cy'ingirakamaro mu buzima. Mugerageze kwizera kwanyu Mwemeze ko umuntu akeneye kwakira Yesu.

Mushobora gusengera umuntu ubishaka ku giti cye. Ashobora kuba ari umuntu urwaye cyangwa ari uwabuze uwe. Yesu yakundaga guhura n'abantu igihe mu gihe bari mu kibazo. Uyu munsi, Imana ishoboye gukiza buri gihe abarwayi ku bw'ibyo, icyifuzo cy'abantu benshi ni itandikaniro ryacu Rihoraho n'Imana.

Mugomba guca akarongo ku bintu by, ingenzi mu gakiza k'umuntu muganira kandi mukagira ibyomwibandaho muhereye Ku bibazo murimo kumva.

Mwirinde amagambo mabikugira ngo ataza kuba ariyo mwubakiraho Ikiganiro.

Nimugerageza kwaka imwa igufwa ifite, izirwanaho ikoresheje imbaraga zayo zose, ariko nimuyiha agace k'inyama nziza, izahita ijugunya rya gufwa. Ni kimwe rero n'uko abantu bahagarara ku madini yabo, no ku bitekerezo byabo no kumyizerere Yabo kukonta kiza na kimwe bazi.

Mu gihe abantu bumvise bavuga Yesu n'ibyo yakoze kuri bo, umugambi w'Imana ku buzima bwabo n'imbabazi yabagiriye, ku byishimo byiza n, amahoro, no ku bugingo buhoraho, bareka imyizerere yabo mibi.

Kugira ngo ugeze umuntu kuri Yesu, ugomba kubanza kubaka ubucuti na we.

Nubwo uko wumva nuko ubona ibintubitandukanye cyane nibyabo, gerageza kubumva no kubasubizanya ineza.

Ubuhamya bwanyu

Inkuru yanyu ni ingenzi cyane kandi ishobora guhindura ubuzima igihe cyose. Mushobora gufatanya inkuru yiharuye y'ubuzima bwanyu bwo mu gihe cyashije or cyubu, ukolmana yabasubije cyangwa se yabafashije.

Icyingenzi si icyo muvuga ahubwo nicyo Undi yumva!

Ubuhamya bwanyu bushobora kuba budashimishije cyangwa bushimishije Bitewe nuko mwabutanze. Inkuru yanyu iba yihariye Mubwire kuburyo agutega amatwi. Hitamo ibyakubayeho mu buzima bwawe bishishikariza abaguteze amatwi Gusobanukirwa. Mube abanyakurikandi mushime Imana ku byababayeho.

Mushobora kugabanya ubuhamya bwanyu mo ibice 3:

1) Nigute ubuzima bwanjye bwasaga mbere yo kumenya Imana ku giti cyange?

2) Kuki kand ni gute nahuye na Yesu?

3) Ni gute ubuzima bwange bwahindutse nyuma yo kwakira Kirisitu?

Mwimenyereze kuvugana n'abandi ba kirisitu ndetse munabaza Uko babyumva. Mufate umunota 1 kugera kuri 2 kuri buri gice.

Mwibande cyane ku cyo Imana yakoze n'icyo ishobora gukora. Mumenye niba abantu bumvishe ibyo mwavuze kandi mubabaze icyo babitekerezaho. Mwite cyane ku bimenyetso babagaragariza kandi byerekana inyungu zabo. Ni iby'igiciro kinshi kuri mwe mu kumva ibyo bimenyetso no kubaza ibabazo kuri byo. Mumenye uko uwo muntu abyumva, noneho muganire ku buhamya bwawe kandi utere inyota mu mutima w'uwo muntu uvuga: «*Ndashaka ikingiki?*»

INTAMWE 2: UBUTUMWA

Ubutumwa bushobora gukiza uwariwe wese igihe ateze amatwi ibyo muvuga. Niyo mpamvu mugomba kwimenyereza kuvuga ubutumwa mu rurimi rworoshye kumvwa. Abantu muri kumwe muganira bagomba kumva ibi bikurikira:

1. UMUGAMBI W'IMANA

Kuva mu itangiriro, umugambi w'Imana kwari ukuba inshuti n'abantu. Mbere , byose byagendaga neza mu isi. Nta ntambara, nta kurenganywa, nta ndwara-byose byari byiza. Ikiremwamuntu cyabagaho mu mahoro no mu busabane n'Imana.

Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari byiza cyane.

Itangiriro 1:31

Mwite cyane kuri iki: Umugambi w'Imana ku muntu murimo kuvugana muri uwo mwanya ni wo mugambi mwiza Ku buzima bwe. Imana irashaka kugirana ubusabana budashira n'uwo muntu.

2. IKIBAZO

Ikiremwamuntu kihitiyemo inzira yihariye ndetse cyateye Imana Umugongo. Mushobora uyu munsi kubona umusaruro w'icyo cyemezo. Ibiremwamuntu ntibishobora kubaho mu mahoro ndetse no mu busabane n'abandi ahubwo barangwa n'ibinyoma, amahane, ishyari, uburwayi n'intambara ziri hirya no hino. Ibyo biterwa no guhora Bitandukanyije n'Imana iminsi yose.

Ikibazo n'uko umuntu adashobora kongera kugarura inzira imuhuza n' N'Imana akoresheje imbaraga ze. Amatorero ariho atandukanye ahura n' ikigeragezo cy'ubwihebe mukongera kwegera Imana bundi bushya. Bitewe no kwiciraho urubanza,umuntu yitandukanyije n'Imana.

«Ntawe ukiranuka n'umwe. Kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana.»

Abaroma 3:10, 23

Mwite cyane kuri iki: mbere y'uko uwo muganira agaragaza ikifuzo cyo gukizwa, agomba kubanza kumva Koyazimiye.

3. URUKUNDO RW'IMANA

Imana ni ukuri kandi kubw'ibyo, Ntishobora kwirengagiza imbaraga nke zacu. Kuko Imana idukunda cyane, Yashyizeho umugambi mwiza wo gucungura buri wese, bishatse kuvuga ko mushobora namwe ubwanyu kuvugurura ubusabane na Yo. Imana yerekanye urwo rukundo mu kohereza Umwana wayo w'Ikinege, Yesu Kirisito, mu isi yacu apfira buri wese ku musaraba. Kubera icyo gikorwa, Yesu ubwe yikoreye imitwaro yacu Ku munsi wa gatatu, Yesu azuka mu bapfuye, nk'uko yari yarabivuze. Uyu munsi ni muzima, kandi muri we niho twongeye kugirana ubusabane n'Imana.

«Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye Itanga Umwana wayo w'ikinege kugirango umwizera wese atarambika ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.»

Yohana 3:16

INTAMBWE 3: ICYEMEZO

Mwite cyane kuri iki: niba ubwato buri mu Nyanja bugahura n'umuhengeri ndetse n'aba burimo bakarohama, birahagije ko umutabazi aza kandi akagirana «ikiganiro kiza» nabo. Hari umuntu utategа amatwi ibyo! Tugomba gukora ibishoboka byose tukavuga ubutumwa. Yesu yaje gushaka no gukiza icyari cyazimiye. Arashaka gukoresha mwebwe ubwanyu, mu kugeza agakiza k'iteka ryose Ku bantu. Mwige uko mwageza umuntu kuri Yesu.

Muvuge nk'iki kintu:

Ibikorwa byacu byiza n'imihate,n'imitekerereze ndetse hwamwe no kujya mu rusengero, ntibihagije ngo ube wagera ku Mana. Hari uburyo bumwe: Guhindukirira Yesu no kwakira icyo yagukoreye.

Musabe imbabazi kandi umukurikire. Yesu yazutse mu bapfuye! Ni Muzima kandi ari hano ubungubu. Arumva igisubizo cyawe.

Niwatuza akanwa kawe ko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima Wawe y'uko Imana yamuzuye uzakizwa.

Abaroma 10:9-10

1. Bakangurire gufata icyemezo

Ubu turi ku ntambwe aho tubaza igisubizo abtwumva. Ntimugire ubwoba bw'iyi ntambwe!Babaze gusa: «Muremera Yesu nk' Umwami n'umukiza aka kanya?», cyangwa: «muremera guhindukirira Imana aka kanya?»

Nicyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya kirisitu, ndetse bias naho Imana ibingingira muri twe, nuko rero turabahendahenda mu cyimbo cya kirisitu: Kugira ngo mwiyunge n'Imana!

2 Abakorinto 5:20

Nyuma y'ikiganiro, hagomba buri gihe kuboneka igisubizo Nimuharire uwo muganira umwanyawo gufata icyemezo. Abakirisitu benshi bashidikanya cyane kuri iyo ngingo. Niba Ibyo abantu bavuga biturutse ku mitima yabo, bazafata icyemezo.

2. Ibibazo biganisha ku gufafataicyemezo

1. *Mwizera ko Yesu yapfiriye ku musaraba kubera ibyaha byanyu?* – « ***yego.*** »
2. *Mwemera ko Yesu yazutse mu bapfuye?* – «***yego.***» (kwizera ntabwo ari amarangamutima; gutangirira mu gufata icyemezo)
3. *Murashaka gukurikira Yesu no kumukorera nk'Umwami n'Umukiza wanyu Ubungubu? (mutegereze igisubizo.)* – «***yego.***»

Ntimushidikanye gusengera uwo muntu. Nta kindi cyo kumubwira. Ntidushaka guhata abantu, ariko ntiduhamagarira abantu kudusanga aho tuba turi, ahubwo Ni ukubabwira ikibazo cy'urupfu cyangwa ubuzima!

3. Ubasabe gusenga isengesho rikurikira

Ubu noneho mubasabe gufunga amasono gusubiramo n'ijwi rirenga isengesho mubasengera. Mujye muhagararira ku ijambo Kuburyo bashobora gusubiramo ibyo mumaze kuvuga. Mutangire-musenga cyane kandi ibyumvikana nk'uku:

«Mwami Yesu. Nemera ko uri umwana w'Imana. Nemera ko wapfuye kubera ibyaha byange. Ndakwinginze mbabarira. Ngwino mu mutima wange. Nemera ko wazutse mu bapfuye. Kandi ko ubu uri muzima. Ndakwemera nk'Umwami n'Umukiza wange. Ibisigaye nzagukurikira mu mu buzima bwange bwose - Amena.»

4. Musobanure ingingo z'ingenzi z'ubuzima Bwa gikirisitu

1. Isengesho: *Kuvuga ku Mana no kubaka ubucuti na Yesu.*

2. Bibiliya: *Gusoma ijambo ry'Imana,wimenyereza Imana n'imvugo yayo.*

3. Itorero: *Kubona itorero rikwegeye (ahantu abkirisitu bahurira Kandi bemera bibiliya).*

4. Gusangira: *gusangira ijambo ry'Imana no guhana ubuhamya.*

Nyuma, muzibwirana muhana inimero kandi mhane ikindi gihe Muzongera guhurira mu minsi itatu amasaha 72. Mugire uwo muntu umwigishwa munashake nundi kugira ngo abe we. Mutumire abantu bazaze musengane cyangwa mu iteraniro ryo gukomezanya. Niba bishoboka, mujye kubashaka Iwabo kugira ngo babaherekeze mu materaniro.

Intego y'Imana mu buzima bwawe ni ukuba umwigishwa uhindura abandi abigishwa.

IGIKORWA!

Buri wese ashobora kwegera undi!

Nimukore! Mushake uburyobubabereye, mu gihe murimo, n'abantu mushaka kwegera. Dore ingero zimwe na zimwe:

Hari uburyo bwinshi bwo kwegera abantu uwo munsi:

Umuntu ku muntu – guhamagara no gusura umuntu no kumutumira Mugasangira ikawa nyuma mukavuga kuri kirisitu.

Babiri babiri – muhurire ku rusengero mwigabanyemo amatsinda. Nyma mugende babiri babiri ngo begere abantu cyangwa bahurire: mu muhanda, mu isoko, mu bitaro.

Kumwitaho no gusangira – mukorere ikintu cyiza umuntu kandi Musangire nawe ijambo ry'Imana.

Kwegera abturanyi – Mutekereze uko mwakwegera abaturanyi Banyu cyangwa abomuturanye inzu ku yindi.

Ibitekerezo mwasangiye mu butumwa kuva kuri A kugera kuri Z – ku kibuga cy'indege, hari inzira kugira ngo wegere abantu Atari inzira z'uko ushobora kwegera abantu: ameza yo gusomeraho'aho gukinira, ibintu, urugi ku rugi cyangwa kujya mu nzira (n'ivugabutumwa ry,umuntu ku muntu, indirimbo, amakinamico, indangururamajwi, cyangwaindi mirimo) amavuriro, amagereza, ibigo by'imfubyi, za parike, ibidukikije, aho abanzi bategera, amahuriro y, ubucuruzi no kuri murandasi.

kuri ***www.globaloutreachday.com/fr*** mushobora kubona ibitekerezo birushijeho n'inkomoko y'amahugurwa. Mugomba gushyira Raporo zanyukuri site web kugira ngo ufashe n'abandi.

GOD Movement - uburyo bw'imibereho ya gikirisitu

Nyuma y'umunsi mpuzamahanga w'ivugabutumwa, mukomeze gusangira Buri gihe ubutumwa.

Dushishikariza amatorero kwiyemeza gushyiraho ingendo Z'ivugabutumwa buri cyumweru cyangwa buri kwezi.

Duha umudendezo kuri buri wese wokwegera umuntu Buri munsi cyangwa buri cyumweru mu ivugabutumwa .

Tekereza ibi: niba abakirisitu 100,000 basangira ubutumwa buri munsi, hazaba 36.5miliyoni y'abaganira ku byerekeye Yesu buri mwaka!

Buri wese ashoboye kubwiriza umuntu,
Twese dufatanije twabasha kubwiriza isi yose!

INTAMBWE 3

Z'IVUGABUTUMWA RYIHARIYE

Igitabo cy'amahugurwa

Ivugabutumwa nibwo butumwa buruta ubundi kandi bw'igihe cyose. Imana ishaka Kubakoresha mu kugeza ubwo butumwa kubandi bantu.

Muri iki gitabo cy'amahugurwa INTAMBWE 3, muziga uko mwageza abantu kuri Kirisitu!

Intambwe 1: ni gute watangira kandi ukayobora ikiganiro.

Intambwe 2: ni gute waganiriza abandi ubutumwa buri mu Ivugabutumwa.

Intambwe 3: ni gute wabona igisubizo kandi ugakurikirana.

Gukurikiza izo ntambwe eshatu bishobora kuguha intangiriro mutatekerezaga, Mukuba umugisha ku bantu batari bamenya Yesu. N'ubwo mwaba muri abanyantege nke n'abanyabwoba.

Werner Nachtigal nibo batangije Umunsi mpuzamahanga w'Ivugabutumwa kandi bagenda ku isi yose Bakangurira,bashishikariza kandi bahugura abakirisitu mu ivugabutumwa**.** Amahame yasobanuwe muri iki gitabo byagaragaye ko yagize umumaro ukomeye.

Buri wese ashobora kugera ku muntu.
Twese dufatanije dushobora kugera ku isi yose!

Mushobora gusura urubuga rwacu mukareba filime z'amahugurwa. Mushobora kandi kuhasanga inyandiko zitandukanye z'iki gitabo cy'amahugurwa Ku NTAMBWE 3 mu ndimi zitandukanye: